uburenganzira busesuye kuri uwo mutungo cyangwa ku gice cyawo abyemera.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba inyubako cyangwa umutungo ucunga iby'abandi w'umwuga aba ategetswe guha nyirawo ku buryo busesuye mu gihe cyose abimusabye.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Inyungu zisubizwa, ibara n'igenzuramutungo**

Iyo umutungo w'ikigega urimo umugabane cyangwa inyungu bitagengwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga, cyangwa ibivuye mu igurishwa ry'uwo mutungo, cyangwa ikindi kintu kiri mu bikorwa, abacunga iby'abandi b'umwuga, mu gihe ari umugabane, inyungu cyangwa ibivuyemo bibaye ibyabo cyangwa bigomba kwishyurwa cyangwa guhererekanywa, bashobora:

1° kwemeza umubare cyangwa agaciro k'uwo mutungo mu buryo bumva ko bukwiye;

2° kwemera ko byishyurwa ku gaciro kari ku isoko cyangwa kagezweho cyangwa hakurikijwe uko agaciro kagenwe mu buryo bukwiye, ko haba ishoramari ryemewe;

3° kwemeza ko hakurwamo ibigomba kwishyurwa, ikiguzi n'ibindi byatanzwe babona ko bikwiye;

The provisions of Paragraph One of this Article shall not apply to any building or property which a trustee is bound immediately to transfer absolutely to any beneficiary upon being requested to do so.

**<u>Article 25:</u> Reversionary interests, valuations and audit**

If a trust property includes a share or interest not vested in the trustees, or the proceeds of the sale of any such property, or any other asset, the trustees, where the share, interest or proceeds fall into possession, or become payable or transferable, may:

1° determine the amount or value of the property in such manner as they may deem necessary;

2° accept to be paid at the market value or current value, or upon any estimate value which may be appropriate, for authorized investments;

3° allow deductions for duties, costs, charges and expenses which they may deem reasonable;

ce bien.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas à un bâtiment ou bien qu'un fidéicommissaire est tenu de transférer immédiatement sans réserve à un bénéficiaire dès que la demande lui en est faite.

**<u>Article 25</u>: Intérêts réversibles, évaluations et audit**

Lorsqu'un patrimoine d'une fiducie comprend une part ou un intérêt dont la gestion n'est pas conférée au fidéicommissaire, ou un produit d'une vente d'un bien d'un patrimoine ou tout autre bien, les fidéicommissaires, lorsque la part, l'intérêt ou le produit leur reviennent ou sont payables ou transférables aux tiers, peuvent:

1° déterminer la quantité ou la valeur du bien de la manière qu'ils estiment appropriée;

2° accepter de payer à la valeur du marché ou à la valeur actuelle, ou sur base d'une estimation de la valeur qu'ils jugent appropriée, pour les investissements autorisés;

3° permettre des déductions des droits, des coûts, des frais et des dépenses qu'ils jugent raisonnables;

4° kwemeza ko ahantu hakiriwe nta kibazo abari bahafite bagiranye n'ikigega mu bijyanye no kuharekura, batagize icyo baryozwa kijyanye n'ibyo bakoze muri urwo rwego nta buriganya.

**Ingingo ya 26: Ububasha bwo gukorana n'abandi**

Iyo umugabane utagabanyijwe mu byavuye mu igurisha ry'ubutaka bwategetswe kugurishwa cyangwa mu wundi mutungo byashyizwe mu kigega cyangwa bigize umutungo w'uraga cyangwa uzungurwa nta rage, abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa ababahagarariye ku giti cyabo bashobora kuragiza cyangwa gukoresha ububasha bafite mu bijyanye n'umugabane ufitanye isano n'abawufiteho uburenganzira cyangwa ku yindi migabane, n'ubwo umwe cyangwa abantu benshi mu bahagarariye abashoramari cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo bashobora kuba bafite inyungu cyangwa bashaka kuyigira kuri uwo mugabane, baba bo ubwabo cyangwa bahagarariwe.

**Ingingo ya 27: Ububasha bwo guhererekanya uburenganzira bw'ucunga iby'abandi w'umwuga uri mu mahanga**

Ucunga iby'abandi w'umwuga uteganya kumara hanze y'u Rwanda igihe kirenze ukwezi ashobora, hatitawe ku biteganywa n'itegeko cyangwa ibisanzwe bikorwa, akoresheje itangabubasha,

4° confirm that premises received by the owners had no any issues with the trust in respect of any matters related to its release, without being responsible for any loss occasioned by any act perfomed by them in good faith.

**Article 26: Powers to cooperate with others**

If an undivided share in the proceeds of sale of land directed to be sold, or in any other asset falls into the trust property or forms part of the property of a testator or intestate, the trustees or the agents may delegate or exercise themselves any trust or power vested in them in relation to that share in conjunction with the persons entitled to or having power in that behalf over that other share or shares, and notwithstanding that any one or more investors or individual agents may be entitled to or interested in any such other share.

**Article 27: Delegate of powers during the stay abroad**

A trustee intending to stay out of Rwanda for a period exceeding one month may, notwithstanding any provisions of law or normal practice, by power of attorney, delegate to any

4° confirmer que les possesseurs des locaux libérés n'avaient aucun problème avec la fiducie en rapport avec cette libération, sans être tenus responsables de tout prejudice occasionné par acte accompli de bonne foi.

**Article 26: Pouvoir de collaborer avec les autres**

Lorsqu'une part indivise du produit de la vente des terrains affectés à la vente ou de tout autre bien tombe dans le patrimoine de la fiducie ou fait partie du patrimoine d'un testateur ou de l'intestat, les fidéicommissaires ou leurs représentants peuvent déléguer ou exercer eux-mêmes leurs pouvoirs sur le bien ou sur d'autres éléments relativement à cette part en collaboration avec les personnes ayant droit ou ayant le pouvoir à cette part bien qu'un ou plusieurs représentants d'un individu ou des investisseurs puissent ou veulent avoir un intérêt sur la part indivise.

**Article 27: Pouvoir de déléguer les droits fiduciaires pendant le séjour à l'étranger**

Un fidéicommissaire qui a l'intention de séjourner à l'extérieur du Rwanda pendant plus d'un mois peut, sans tenir compte des dispositions de la loi ou de toute pratique habituelle, déléguer par

guha undi muntu cyangwa abantu benshi uburenganzira bwo gukora ibyo asabwa muri icyo gihe atari mu Rwanda.

Icyakora, umuntu umwe ufatanyije n'ucunga iby'abandi w'umwuga wenyine utari isosiyete ikora uwo murimo ntashobora kwemererwa guhabwa ubwo burenganzira hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ububasha bw'isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga bwo gufatanya n'abandi bakora uwo mwuga**

Isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga ishobora gushyirwaho ngo icunge umutungo waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa hamwe n'indi sosiyete cyangwa undi muntu ku giti cye, bakorana nk'aho ari umuntu umwe.

Mu gihe isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga cyangwa umuntu ku giti cye cyangwa amasosiyete cyangwa abantu benshi bagize uburenganzira kuri uwo mutungo biturutse ku nyandiko yari gutuma habaho icungamutungo rihuriweho iyo iyo isosiyete iza kuba umuntu gatozi, bafatanya gucunga uwo mutungo.

Mu gihe isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga ifatanyije n'undi muntu umutungo isheshwe, uwo mutungo wegurirwa undi bari bawuhuriyeho.

person or a group of persons the duties during his/her absence from Rwanda.

However, a co-trustee other than a trust corporation shall not be given such right in accordance with the provisions of this Law.

**<u>Article 28</u>: Power for a trust corporation to act jointly with other trustees**

A trust corporation may be appointed to jointly manage the property, whether movable or immovable, with another trust corporation or with an individual, acting as one person.

Where a trust corporation or an individual or corporate entities or many individuals are entitled to any such property by virtue of any instrument which would have created a joint management, if this corporation had been an individual, they shall act jointly as trustees.

If a trust corporation is a joint tenant of property, a dissolution of the property shall devolve on the other joint tenant.

procuration à toute personne ou groupe de personnes, ses attributions durant son absence du Rwanda.

Toutefois, un seul co-fidéicommissaire qui n'est pas une société de fiducie ne peut pas se voir déléguer ce droit conformément aux dispositions de la présente loi.

**<u>Article 28</u>: Pouvoir pour une société de fiducie d'agir conjointement avec d'autres fidéicommissaires**

Une société de fiducie peut être nommée pour gérer conjointement les biens meubles ou immeubles avec une autre société de fiducie ou avec un individu, comme s'il s'agissait d'une seule personne.

Lorsqu'une société de fiducie ou un individu ou des sociétés ou plusieurs individus ont droit à ce bien en vertu d'un acte qui aurait dû créer une gestion commune si cette société avait été un individu, ils agissent conjointement comme fidéicommissaires.

Lorsqu'une société de fiducie est copropriétaire des biens et qu'elle fait l'objet de dissolution, ces biens sont dévolus à l'autre copropriétaire.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Kurindwa biturutse ku imenyekanisha**

Ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa umuhagarariye ukorera ikigega kimwe cyangwa ikirenze kimwe, ntaryozwa ingaruka ziturutse ku nyandiko atabonye cyangwa ibyabaye cyangwa indi ngaruka bijyanye n'ikigega runaka mu gihe bigaragara ko nta buriganya bwabayeho.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Uburyozwe bw'abacunga iby'abandi b'umwuga**

Ucunga iby'abandi w'umwuga abazwa amafaranga cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane yakiriye yaba yarasinye inyemezabwishyu ko ayakiriye. Aryozwa kandi ibikorwa bye, uburangare bwe cyangwa amakosa ye, keretse iyo byateganyijwe ukundi mu masezerano ashyiraho ikigega cyangwa itegeko. Ntaryozwa ibikorwa by'abandi bahagarariye abandi b'umwuga, banki, abahuza mu bucuruzi cyangwa undi muntu wabitswa amafaranga y'ikigega cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, byaba bidahagije cyangwa bifite inenge, cyangwa ikindi gihombo, keretse iyo bibayeho biturutse ku bushake bwe.

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora kwishyura we ubwe bitavuye mu mutungo w'ikigega ibyatanzwe byose byerekeranye n'ikoreshwa ry'ububasha ahabwa.

**<u>Article 29:</u> Protection in regard to notice**

A trustee or his/her agent acting for the purposes of one or more trusts shall not, in the absence of fraud, be liable of any effect from any notice which he/she did not receive or any fact or any other effect in relation to any particular trust.

**<u>Article 30:</u> Liability for the trustees**

A trustee shall be liable for funds and stocks received when he/she acknowledged by issueing a receipt. He/she shall be liable for his/her own acts, negligence, or defaults, unless provided for in the trust instrument or any law. He/she shall not be liable for the acts of any other trustees, banks, brokers, or other person with whom any trust money or securities may be deposited, nor for the insufficiency or deficiency of any securities, nor for any other loss, unless they happen through his/her own willful default.

A trustee may by reimburse not from the trust property all expenses incurred while exercising his/her powers.

**<u>Article 29</u>: Protection contre une notification**

Un fidéicommissaire ou son représentant agissant pour le compte d'une ou de plusieurs fiducies ne peut, en l'absence de fraude, être tenu responsable des effets d'une notification qu'il n'aurait pas reçue ou d'un fait ou d'un autre effet en rapport avec une fiducie spécifique.

**<u>Article 30</u>: Responsabilité des fidéicommissaires**

Un fidéicommissaire est tenu responsable de l'argent ou des titres côtés qu'il a reçus pour lesquels il a délivré un récépissé. Il est également tenu responsable, sauf disposition contraire prévue par l'acte de fiducie ou la loi, de ses propres actes, négligence ou fautes. Il n'est pas responsable des actes des autres fidéicommissaires, des banques, des courtiers ou autre personne auprès de qui des fonds ou des titres côtés de la fiducie ont été déposés, en raison soit de leur insuffisance, déficience, ou de toute autre perte, à moins que ces actes aient été causés par sa propre faute volontaire.

Un fidéicommissaire peut rembourser lui-même, sans prélever du patrimoine de la fiducie, tous les frais engagés relatifs à l'exercice de ses pouvoirs.

**Ingingo ya 31: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'umuntu utarageza imyaka y'ubukure no kuwukoresha mu ishoramari**

Mu gihe abacunga iby'abandi b'umwuga bafite umutungo w'umuntu utarageza ku myaka y'ubukure cyangwa mu gihe uburenganzira bwe bugikomeza kuri uwo mutungo, bashobora kwishyura inyungu iturutse kuri uwo mutungo ababyeyi be, umwishingire we cyangwa nyir'ubwite ndetse bakita no ku nyungu zose ziturukа kuri uwo mutungo uko babona bikwiye.

Iyo uwo muntu agejeje ku myaka y'ubukure atarabona inyungu iturutse kuri uwo mutungo, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora kumwishyura inyungu yose cyangwa igice cyayo n'ibyiyongereyeho byose kugeza igihe apfuye cyangwa igihe cy'inyungu cyarangiye.

Iyo inyungu z'uwo muntu zigikomeza, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora gukoresha uwo mutungo wakusanyijwe cyangwa igice cyawo nk'aho ari inyungu yabonetse muri uwo mwaka barimo bagakusanya ibyasigaye byose kuri iyo nyungu bakabishora ndetse n'ibibikomokaho mu bigega by'ishoramari byemewe.

**Ingingo ya 32: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'ikigega**

Igihe icyo ari cyo cyose, abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora kwishyura cyangwa gukoresha umutungo uri mu kigega, bazamura agaciro k'ikigega cyangwa batanga ibihembo, mu

**Article 31: Powers to use and invest the property of an infant**

If any property is held by trustees in trust for an infant or if the right continues on that property, trustees may pay proceeds from that property to the parents, guardian or him/herself and focus on any income of that property as appropriate.

If that person on attains the majority age and he/she has not obtained the proceeds from the property, the trustees may pay the whole or such part of interests and any proceeds generated from that property until he/she dies or interest period is over.

If the interests of that person so long continue, the trustees may use wholly or part of that collected property as if it was an income arising in the then current year, collect the residue of that income by investing it and the resulting income thereof from the authorized investment schemes.

**Article 32: Powers to use the trust property**

Trustees may at any time pay or use the trust property, for the advancement or granting benefit, in such manner as they may, in their absolute discretion, deemed necessary, to any

**Article 31: Pouvoir d'utiliser et d'investir les biens d'un mineur**

Lorsque les biens d'un mineur sont détenus par des fidéicommissaires ou aussi longtemps que son droit sur ces biens subsiste, les fidéicommissaires peuvent payer les produits provenant de ces biens à ses parents, à son tuteur ou au mineur lui-même, et également, s'occuper, en bon père de famille, de tous les produits générés par ces biens.

Lorsque cette personne atteint l'âge de la majorité alors qu'elle n'a pas obtenu les produits provenant de ces biens, les fidéicommissaires peuvent lui verser la totalité ou une partie des interêts et tous les produits des biens jusqu'à ce qu'elle décède ou au terme de la période de placement.

Si les intérêts de cette personne subsiste, les fidéicommissaires peuvent utiliser ces biens rassemblés comme s'il s'agissait d'un revenu produit durant l'année courante, collecter et placer le reliquat et le revenu qui en provient dans les fonds d'investissement autorisés.

**Article 32: Pouvoir d'utiliser les biens de la fiducie**

Les fidéicommissaires peuvent, à tout moment et à leur entière discrétion et de la manière qu'ils peuvent juger appropriée, payer ou affecter les biens assujettis à la fiducie pour les fructifier ou

bushishozi bwabo kandi no mu buryo babona ko bukwiye ku muntu wese ufite uburenganzira kuri uwo mutungo w'ikigega cyangwa ku mugabane wawo.

Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byubahirizwa mu gihe umutungo w'ikigega ari amafaranga cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ibintu by'ikigega bigenewe kugurishwa, ihamagara mu kigega cyangwa guhindurirwa icyiciro, kandi bene uwo mutungo cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa ibyavuye mu igurisha, mu kwishyurwa cyangwa guhindurwa ntabwo amategeko abifata nk'ubutaka.

**<u>Ingingo ya 33:</u> Ikigega cyihariye kirinda umutungo**

Inyungu, yaba iya buri mwaka cyangwa indi nyungu yagenwe mu gihe cyumvikanyweho, iturutse ku mutungo washowe ishyirwa mu kigega cyihariye cyagenewe kurinda uwo mutungo mu nyungu z'umuntu yagenewe w'ibanze, byaba mu gihe kingana n'ubuzima bwe bwose cyangwa igihe gito kuri icyo.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Uburyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashyirwaho bakanakurwaho**

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga w'ibanze cyangwa waje asimbura undi, yaba yarashyizweho n'urukiko cyangwa ku bundi buryo, apfuye, cyangwa agiye hanze y'u Rwanda mu gihe kirenze amezi cumi n'abiri (12), cyangwa ashatse

person entitled to the trust property or to any part thereof.

The provisions of the Paragraph One of this Article apply only where the trust property consists of funds or stocks or of property purported for sale, public offer for subscription and conversion and that property or stocks or the proceeds of the sale, as payment and conversion means are not by law considered as land.

**<u>Article 33:</u> Specific protective trust fund of assets**

Any income, including an annuity or other periodical income payment derived from the invested assets, shall be put on a specific protective trust fund of assets for the benefit of the principal beneficiary for the period of his/her life or for any short period.

**<u>Article 34</u>: Modalities of appointment and removal of trustees**

Where a trustee or his/her placement, and whether appointed by a court or otherwise, is dead, or is out of Rwanda for more than twelve (12) months, or desires to be discharged from all or any of the powers conferred on him/her,

octroyer du bénéfice à toute personne qui a droit à ces biens ou à une part de ces biens.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent que lorsque les biens de la fiducie consistent en argent ou en titres côtés ou en biens de la fiducie destinés à la vente, à l'appel public de fonds ou à la conversion et que ce genre de biens ou titres côtés ou le produit de la vente ou objet de remboursement ou de la conversion ne sont pas en vertu de la loi considérés comme terrain.

**<u>Article 33</u>: Fiducie spécifique de protection d'actifs**

Un revenu annuel ou payable à une période convenue provenant d'actifs investis est placé dans une fiducie spécifique de protection d'actifs au profit d'une personne qui en est le principal bénéficiaire soit pour la durée de sa vie soit pour une autre période plus courte.

**<u>Article 34</u>: Modalités de nomination et de révocation des fidéicommissaires**

Lorsqu'un fidéicommissaire nommé initialement ou en remplacement, qu'il soit nommé par une juridiction ou autrement, est décédé ou s'absente du Rwanda pendant plus de douze (12) mois ou désire être déchargé de la totalité ou d'une partie

kuvanirwaho ububasha bwose cyangwa bumwe yari afite, yanze gukora cyangwa atabikwiriye, cyangwa atabishoboye, cyangwa atarageza ku myaka y'ubukure, muri icyo gihe, abateganyijwe mu nyandiko ishyiraho ikigega cyangwa iyo ntabateganyijwe cyangwa akaba ntawe muri bo ushaka kubikora cyangwa ubishoboye, muri icyo gihe, abacunga iby'abandi b'umwuga bakiriho cyangwa uhagarariye umwe muri bo waba ukiriho, ashobora, abikoze mu nyandiko, gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi ngo babe abacunga iby'abandi b'umwuga mu mwanya w'uwabikoraga.

refuses or is unfit to act therein, or is incapable of acting therein, or is an infant, the persons nominated by the trust instrument, or if there is no such persons, or any among such persons is able or willing to act, the surviving or continuing trustees, or the agent of the last surviving or continuing trustee may, in writing, appoint one or more other persons to be a trustee or trustees in lieu of the original trustee.

des pouvoirs qui lui ont été conférés, refuse d'agir, est inapte à agir ou incapable d'agir, ou est mineur, les personnes nommées par l'acte de la fiducie ou en l'absence de telles personnes ou si personne parmi celles nommées n'est capable ou désireuse d'agir, les fidéicommissaires survivants ou restants à l'époque considérée ou le représentant du dernier fidéicommissaire survivant ou restant peut nommer par écrit une ou plusieurs personnes devant jouer le rôle de fidéicommissaire en lieu et place du fidéicommissaire initial.

**<u>Ingingo ya 35</u>: Kongera abacunga iby'abandi b'umwuga**

Iyo hashyizweho ucunga iby'abandi w'umwuga wo gucunga umutungo wose w'ikigega cyangwa igice cyawo:

1º umubare w'abacunga iby'abandi b'umwuga ushobora kongerwa, hitawe ku biteganywa n'iri tegeko birebana n'umubare ntarengwa w'abacunga iby'abandi b'umwuga;

2º irindi tsinda ry'abacunga iby'abandi b'umwuga rishobora gushyirwaho ku bijyanye n'igice icyo ari cyo cyose cy'ikigega gicungwa mu buryo butandukanye n'ubw'ibindi bice by'umutungo w'ikigega.

Ntibyemewe gushyiraho ucunga iby'abandi

**<u>Article 35:</u> Appointment of additional trustees**

If a trustee is appointed for the whole or part of the trust property:

1º the number of trustees may increase subject to the provisions of this Law on the maximum number of trustees;

2º a separate group of trustees, may be appointed for any part of the trust property managed on different basis from that relating to any other part or parts of the trust property;

A single person shall not be appointed as a

**<u>Article 35</u>: Nomination de fidéicommissaires supplémentaires**

En cas de nomination d'un fidéicommissaire pour la totalité ou une partie du patrimoine:

1º le nombre de fidéicommissaires peut être majoré, sous réserve des dispositions de la présente loi sur l'effectif maximum des fidéicommissaires;

2º un groupe distinct de fidéicommissaires peut être nommé pour n'importe quelle partie du patrimoine de la fiducie tenue de manière différente de celle en rapport avec d'autres parties du patrimoine de la fiducie.

Il est interdit de nommer un fidéicommissaire

w'umwuga umwe, utari isosiyete ikora uwo murimo.

**Ingingo ya 36: Ihagarika ry'akazi k'ucunga iby'abandi w'umwuga**

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga asabye guhagarika imirimo ye afatwa ko yasezeye kandi ko yavaniweho inshingano biturutse ku nyandiko yakoze. Muri icyo gihe hashyirwaho isosiyete ikora uwo murimo cyangwa nibura abantu babiri bo gukorera ikigega iyo mirimo.

Ucunga iby'abandi w'umwuga wakuwe ku kazi ke, wagiye mu kiruhuko cy'izabukuru cyangwa wirukanywe akomeza gukurikiranwa ku bikorwa yaba yarakoze agicunga iby'abandi binyuranyije n'amategeko shingiro y'ikigega cyangwa n'itegeko.

Mbere y'uko akurwa ku kazi ke, ucunga iby'abandi w'umwuga agomba gukora ihererekanya n'ucunga iby'abandi w'umwuga umusimbuye kandi atabikora, urukiko rukaba rwashyiraho ubikora mu gihe uwo musimbura ataratangira akazi ke.

**UMUTWE WA V: UBUBASHA BW'URUKIKO**

**Ingingo ya 37: Ububasha bw'urukiko bwo gushyiraho abacunga iby'abandi b'umwuga bashya**

Urukiko rushobora, mu gihe rubona bikwiye,

trustee, except a trust corporation.

**Article 36: Suspension of duties by a trustee**

If a trustee is request to suspend duties, he/she shall be deemed to have resigned and discharged from by means of an instrument he/she made. In that case, there will be either a trust corporation or at least two individuals to perform the trust as trustees.

A trustee who has been discharged, retired or dismissed shall remain liable for the acts commited while a trustee of breach of trust instrument or the law.

Prior to being discharged, a trustee shall vest the trust property in the new trustee and, failure to do it, the court shall appoint someone else to do the duty before the new trustee starts work.

**CHAPTER V: COMPETENCE OF COURT**

**Article 37: Competence of the court to appoint new trustees**

A court may, whenever necessary, appoint a

unique autre qu'une société de fiducie.

**Article 36: Suspension de fonctions d'un fidéicommissaire**

Lorsqu'un fidéicommissaire désire quitter ses fonctions, il est réputé avoir démissionné et relevé de ses fonctions à partir de l'acte écrit qu'il a fait. Dans ce cas, il est nommé une société de fiducie ou au moins deux individus devant agir comme fidéicommissaire pour gérer la fiducie.

Un fidéicommissaire qui a été relevé de ses fonctions, qui prend sa retraite ou qui est démis d'office demeure responsable des actes contraires à l'acte de fiducie ou à la loi posés dans ses fonctions.

Avant d'être relevé de ses fonctions, le fidéicommissaire doit procéder à la remise et reprise avec le nouveau fidéicommissaire et, à défaut de le faire, la juridiction nomme une tierce personne qui exécute cette tâche avant que le nouveau fidéicommissaire n'entre en fonction.

**CHAPITRE V: COMPETENCE JURIDICTIONNELLE**

**Article 37: Compétence de la juridiction de nommer de nouveaux fidéicommissaires**

Une juridiction peut, chaque fois qu'il est

gushyiraho umuntu umwe cyangwa benshi bacunga iby'abandi b'umwuga. Mu gihe bidashoboka mu buryo busanzwe, rutabibafashijemo, rufata icyemezo cyo gushyiraho umuntu mushya cyangwa abantu bashya bacunga iby'abandi b'umwuga baba basimbura cyangwa biyongera ku bari bahari cyangwa nta n'umwe uhari.

By'umwihariko kandi bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 36, urukiko rushobora gufata icyemezo gishyiraho ucunga iby'abandi w'umwuga mushya usimbura undi wahamwe n'icyaha, wagize ibibazo byo mu mutwe cyangwa wananiwe akazi, wahombye cyangwa ari isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga irimo guseswa cyangwa yaseshwe.

**Ingingo ya 38: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga mushya ushyizweho n'urukiko**

Ucunga iby'abandi w'umwuga wese ushyizweho n'urukiko rubifitiye ububasha agomba mbere cyangwa nyuma y'uko ashyikirizwa umutungo w'ikigega ku bw'itegeko, kugira ububasha n'ubushobozi nk'iby'uwashyizweho w'ibanze n'inyandiko yashyizeho ikigega, iyo iriho.

**Ingingo ya 39: Gusimbura ucunga iby'abandi w'umwuga washyizweho n'urukiko**

Iyo bigaragaye ko ucunga iby'abandi w'umwuga adashobora kuboneka, ari isosiyete ikaba

trustee or trustees. If it is difficult to do so in normal circumstance, a court may decide to appoint a new trustee or new trustees either in substitution for or in addition to any existing trustees or if there is no existing trustee.

In particular and without prejudice to the provisions of Article 36, the court may make an order appointing a new trustee in substitution for a trustee who is convicted of an offense, mental ill or incapable to perform his/her duties, is a bankrupt, or is a trust corporation which is into liquidation or has been dissolved.

**Article 38: Powers of a new trustee appointed by the court**

A trustee appointed by a competent court shall, before or after the trust property is vested in him/her by the law, have the same powers and authority as of the initial trustee appointed by the trust instrument, if any.

**Article 39: Replacement of a trustee appointed by the court**

If a trustee is unavailable, or a trust corporation is dissolved or no longer able to fulfill the

opportun, nommer un ou plusieurs fidéicommissaires. S'il est difficile de le faire régulièrement, elle peut décider de nommer un ou plusieurs nouveaux fidéicommissaires en remplacement ou en complément des fidéicommissaires existants ou s'il n'y a aucun fidéicommissaire.

En particulier et sans préjudice des dispositions de l'article 36, la juridiction peut rendre une ordonnance nommant un nouveau fidéicommissaire en remplacement d'un fidéicommissaire condamné pour infraction, atteint d'une maladie mentale ou qui est incapable d'agir, déclaré en faillite ou en état de liquidation ou qui a été dissoute dans le cas d'une société de fiducie.

**Article 38: Pouvoirs d'un nouveau fidéicommissaire nommé par la juridiction**

Tout fidéicommissaire nommé par une juridiction compétente doit, avant ou après que le patrimoine en fiducie lui ait été dévolu par la loi, avoir les mêmes pouvoirs et la même autorité que le fidéicommissaire initial nommé par l'acte de la fiducie, s'il y en a un.

**Article 39: Remplacement d'un fidéicommissaire nommé par la juridiction**

Lorsqu'un fidéicommissaire ne peut pas être disponible et, en cas d'une société, qu'elle a été

yarasheshwe cyangwa bigaragara ko atagishoboye kuzuza inshingano ze hashingiwe ku nyandiko ishyiraho ikigega, urukiko rushobora gufata icyemezo giha undi muntu rubona ko abikwiye ububasha bwo guhererekanya inyandiko zicuruzwa cyangwa kwakira inyungu ku migabane cyangwa ibindi biyiturukaho.

**Ingingo ya 40: Ububasha ku mutungo w'ibigega byashyiriweho inshingano zihariye**

Ububasha butangwa n'iri tegeko mu byerekeye itangwa ry'ibyemezo bitanga ububasha ku nyungu iyo ariyo yose ku mutungo utimukanwa, ibicuruzwa cyangwa ikindi kintu mu kigega cyashyiriweho kurangiza inshingano zihariye, cyangwa isosiyete urukiko rwaba rufiteho ububasha buturuka ku kirego cyatanzwe mu nzira nyayo, ucunga iby'abandi w'umwuga yaba yarashyizweho n'inyandiko ishyiraho ikigega cyangwa n'urukiko bigendeye ku bubasha rusange cyangwa bw'itegeko agira ububasha kuri uwo mutungo.

**Ingingo ya 41: Ububasha bw'urukiko bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha umutungo w'ikigega mu bucuruzi**

Iyo, mu gihe cyo gucunga umutungo waragijwe abacunga iby'abandi b'umwuga, urukiko rubona ko igurisha, ikodesha, igwatiriza, isubizwa, itangwa, igura, ishoramari, iyishyurwa ry'amafaranga cyangwa ikindi gikorwa cy'ubucuruzi ari cyo gikwiye gukorwa, ariko rukabona ko bidashoboka kubera ko nta bubasha

obligations as provided under the trust instrument, the court may order to veste in other capable person the right to transfer securities or to receive the dividends on shares or proceeds thereof.

**Article 40: Powers on the truts assets for specified purposes**

The powers conferred by this Law as to issueing orders for vesting any interest in immovable property, stocks or any other trust assets established for specified purpose or a society over which the court would have jurisdiction upon legal action duly filed, the trustee whether appointed by the trust instrument or by the court under its general or statutory jurisdiction shall have the powers over the property.

**Article 41: Powers of the court to authorize the use of the trust property for commercial purposes**

Where, in the management of any property vested in trustees, any sale, lease, guarantee, surrender, donation, purchase, investment, reimbursment or other transaction, is in the opinion of the court deemed necessary, but cannot be effected by reason of the absence of powers for that purpose vested in the trustees by

dissoute ou s'il apparaît qu'il ne peut plus remplir ses obligations prévues par l'acte de fiducie, la juridiction peut rendre une ordonnance donnant à une autre personne qu'elle estime capable le droit de transférer les titres ou de recevoir les dividendes sur les actions ou les autres produits.

**Article 40: Pouvoirs sur les biens des fiducies ayant des objectifs spécifiques**

Les pouvoirs conférés par la présente loi en ce qui concerne les actes de délégation de pouvoirs sur les bénéfices générés par les biens immobiliers, les titres ou par tout autre bien de la fiducie destiné à atteindre un objectif spécifique ou à une société sur laquelle la juridiction aurait compétence en cas d'une action dûment intentée, le fidéicommissaire qu'il soit nommé par l'acte de fiducie ou par une juridiction en vertu de sa compétence générale ou spécifique a le pouvoir sur ces biens.

**Article 41: Pouvoir de la juridiction d'autoriser l'usage des biens de la fiducie à des fins commerciales**

Lorsque, au cours de l'administration des biens confiés à des fidéicommissaires, la juridiction constate qu'une vente, un bail, une garantie, une rétrocession, une libéralité ou un achat, un investissement de fonds, un remboursement en numéraire ou une autre transaction jugée opportune ne peut pas être effectuée à cause de

abacunga iby'abandi b'umwuga bafite bwo kubikora, inyandiko ishyiraho ikigega itarabiteganyije, mu gihe ihari, cyangwa biturutse ku mategeko, urukiko rushobora guha ububasha rusange cyangwa ububasha budasanzwe abacunga iby'abandi b'umwuga kugira ngo bakore icyo gikorwa gikwiye, urukiko rugena ibyo rubona bigomba kwitabwaho kandi rushobora no kugena uburyo amafaranga agomba kwishyurwamo cyangwa aho agomba kuva hagati y'imari shingiro n'ibyinjiye.

Kuregera urukiko mu bijyanye n'iyi ngingo bishobora gukorwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa umwe muri bo cyangwa se undi muntu wese ubifitemo inyungu.

**<u>Ingingo ya 42:</u> Abafite uburenganzira bwo kwiyambaza urukiko**

Umuntu wese ufite inyungu ku birebana n'umutungo w'ikigega cy'ubwizerane, ashobora kwiyambaza urukiko kugira ngo rugaruze umutungo w'ikigega watanzwe, wakuwemo cyangwa watanzweho ingwate mu buryo butubahirije inyandiko ishyiraho ikigega cy'ubwizerane cyangwa ikindi cyose kibangamira ikigega cy'ubwizeranane kinyuranyije n'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Ububasha bwo gukura ibyatanzwe mu mutungo w'ikigega**

Urukiko rushobora gutegeka ko ibyatanzwe ku kirego gisaba icyemezo cy'urukiko gishyiraho

the trust instrument, if any, or by Law, the court may confer upon the trustees either general or particular powers for that purpose, as the court may deem necessary, and may direct in what manner any money authorized to be paid or borne as between share capital and income.

Any legal action to the court under this Article may be filed by the trustees, any of them or any other interested person.

**<u>Article 42:</u> Persons entitled to refer matters to the court**

Any interested person to the trust property may request the court to recover the trust property that has been given, removed or provided as guarantee contrary to the trust instrument or any other thing that may jeopardize the trust contrary to this Law.

**<u>Article 43:</u> Powers to charge costs on the trust propery**

A court may order the costs and expenses of and incidental to a legal action for an order

l'absence de pouvoirs dévolus à cette fin aux fidéicommissaires par l'acte de fiducie, s'il en existe un, ou par la loi, la jurisdiction peut conférer aux fidéicommissaires les pouvoirs en termes généraux ou particuliers nécessaires à cette fin et préciser comment l'argent doit être payé ou sa source entre le capital social et les produits.

Une requête auprès de la juridiction en vertu du présent article peut être introduite par les fidéicommissaires ou par l'un d'eux ou par toute autre personne intéressée.

**<u>Article 42</u>: Personnes ayant le droit de recourir à la juridiction**

Toute personne intéressée au patrmoine de la fiducie peut saisir la juridiction en vue de recouvrer un bien de la fiducie donné, enlevé ou constitué en garantie contrairement à l'acte de fiducie ou pour toute autre chose susceptible de compromettre la fiducie en violation de la présente loi.

**<u>Article 43</u>: Pouvoir de prélever des frais sur les biens de la fiducie**

Une juridiction peut ordonner que tous les frais occasionnés par une requête sollicitant une

ucunga iby'abandi w'umwuga mushya cyangwa icyemezo gitanga ububasha bikusanywa bigakurwa mu mutungo urebwa n'icyo cyemezo cyangwa mu byo uwo mutungo winjiza.

appointing a new trustee or for a vesting order to be charged out of the trust property in respect whereof it is made, or out of the income thereof.

ordonnance de nomination d'un nouveau fidéicommissaire ou une ordonnance de délégation de pouvoirs soient collectés et prélevés sur les biens concernés par cette ordonnance ou sur les revenus de ces biens.

**UMUTWE WA VI: ABAKOZI, ABAHAGARARIYE ABANDI N'ABABITSI B'UMUTUNGO**

**Ingingo ya 44: Ububasha bwo gukoresha abakozi**

Abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo, aho gukora ubwabo, bashobora gukoresha no kwishyura umukozi, yaba avoka, banki, umuhuza mu bucuruzi cyangwa undi muntu, ngo bakore igikorwa runaka cy'ubucuruzi cyangwa ikindi gikorwa gisabwa mu gukora imirimo y'ikigega, cyangwa gucunga umutungo washyizwe mu irage.

Abacunga iby'abandi b'umwuga cyangwa abahagarariye abantu ku giti cyabo bashobora gushyiraho umuntu wese ngo abakorere akazi kajyanye no kugurisha, guhindura, gukusanya, kwinjiza umutungo, gushyira mu bwishingizi, gucunga no guhingisha cyangwa gukoresha mu bundi buryo umutungo uwo ari wo wose w'ibintu bwite cyangwa w'uburenganzira ku bintu, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa, uri mu bigize ikigega cyangwa wasizwe mu irage cyangwa nta rage, ahantu hose hanze y'u Rwanda.

**CHAPTER VI: EMPLOYEE, NOMIMEES, AGENTS AND CUSTODIANS**

**Article 44 Powers to employ an employee**

Trustees or agents may, instead of acting personally, employ and pay an employee, whether an advocate, bank, broker or other person, to transact any business or do any act required in the execution of the trust or the administration of the testator's property.

Trustees or agents may appoint any person to act on their behalf for selling, converting, collecting, acquiring, subscribing assurances, managing and cultivating or otherwise administering any property or right to movable or immovable property, part of the trust or testators or intestate's property, in any place outside of Rwanda.

**CHAPITRE VI: EMPLOYE, REPRESENTANTS ET DEPOSITAIRES**

**Article 44: Pouvoir d'employer les employés**

Au lieu d'agir en personne, les fidéicommissaires ou leurs représentants peuvent employer et payer un employé, qu'il soit un avocat, une banque, un courtier ou toute autre personne pour accomplir un acte de commerce ou tout acte nécessaire à l'administration de la fudicie ou à la gestion de la succession du testateur.

Les fidéicommissaires ou les représentants peuvent nommer toute personne agissant en leur nom aux fins de vendre, convertir, rassembler, acquérir, souscrire une assurance, gérer, cultiver ou d'administrer autrement tout bien ou droit réel sur un meuble ou immeuble assujetti à la fiducie ou faisant partie de la succession du testateur ou de l'intestat, partout en dehors du Rwanda.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Ububasha bwo gushyiraho uhagarariye abandi**

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora:

1º gushyiraho umuntu wo gukora nk'umuhagarariye mu bikorwa bijyanye n'umutungo runaka w'ikigega, uko yabigennye;

2º gukora ibyangombwa byose kugira ngo yizere ko uwo mutungo ucungwa n'umuntu washyizweho muri ubwo buryo.

Ishyirwa mu mirimo riteganywa muri iyi ngingo rigomba kugaragazwa n'inyandiko.

Ibiteganywa n'iyi ngingo ntibireba ikigega gifite umubitsi wacyo cyangwa umutungo ucungwa n'umubitsi wemewe w'ibikorwa by'ubugiraneza.

**<u>Article 45:</u> Powers to appoint an agent**

A trustee may:

1° appoint a person to act as his/her agent in relation to any trust property as he/she shall determine;

2° take necessary measures to ensure that property is managed by that person so appointed.

The appointment under this Article shall be put in writing.

The provisions of this Article shall not apply to any trust having its own custodian or in relation to any property vested in the official custodian for charities.

**<u>Article 45</u>: Pouvoir de nommer un représentant**

Un fidéicommissaire peut:

1° nommer une personne pour agir comme son représentant dans les activités relatives au patrimoine quelconque de la fiducie, selon son jugement;

2° prendre les mesures nécessaires pour s'assurer que ce patrimoine est géré par la personne ainsi nommée.

La nomination visée au présent article doit être constatée par écrit.

Les dispostions du présent article ne s'appliquent pas à une fiducie ayant son propre dépositaire ou aux biens administrés par un dépositaire agréé de biens des organisations caritatives.

**<u>Ingingo ya 46:</u> Ububasha bwo gushyiraho ababitsi b'umutungo**

Abacunga iby'abandi b'umwuga bashobora gushyiraho ushinzwe kubika umutungo w'ikigega mu mutekano n'inyandiko zigaragaza uwo mutungo.

Ishyirwaho ry'umubitsi w'umutungo rigomba kugaragazwa n'inyandiko.

**<u>Article 46:</u> Powers to appoint custodians**

Trustees may appoint a custodian in order to ensure the safe custody of the trust property and that of documents evidencing such property.

The appointment of a custodian shall be put in writing.

**<u>Article 46</u>: Pouvoir de nommer les dépositaires**

Les fidéicommissaires peuvent nommer une personne agissant comme dépositaire des biens de la fiducie et des documents constatant le droit sur ces biens.

La nomination d'un dépositaire doit être constatée par écrit.

**Ingingo ya 47: Ishoramari mu nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje**

Iyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashoye imari mu nyandiko zicuruzwa zishyurwa uzitwaje, bagomba gushyiraho umuntu ushinzwe gucunga izo nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, bikozwe mu nyandiko.

Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa iyo inyandiko ishyiraho ikigega cyangwa andi mategeko akigenga bikubiyemo ingingo yemera ko abacunga iby'abandi b'umwuga bacunga cyangwa bashora inyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje badashyizeho umubitsi wazo.

Ibiteganywa muri iyi ngingo ntibireba ikigega gifite umubitsi wacyo cyangwa umutungo ucungwa n'umubitsi wemewe w'ibikorwa by'ubugiraneza.

**Ingingo ya 48: Abantu bashobora gushyirwaho nk'abahagarariye abandi cyangwa ababitsi b'umutungo**

Kugira ngo umuntu ashyirweho nk'uhagarariye abandi cyangwa umubitsi w'umutungo agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba asanzwe akora imirimo ijyanye no guhagararira abandi cyangwa y'ububitsi;

**Article 47: Investment in bearer stocks**

If trustees invest in bearer stocks, they shall appoint in writing a person to act as a custodian of those bearer stocks.

The provisions of Paragraph One of this Article shall not apply if the trust instrument or other laws governing the trust contain a provision which permit the trustees to manage or invest in bearer stocks without appointing a custodian.

Provisions of this Article shall not apply to any trust having its own custodian or in relation to any property vested in the official custodian for charities.

**Article 48: Persons who may be appointed as agents or custodians**

For a person to be appointed as an agent or a custodian, he/she shall the following conditions:

1° to be already engaged in the business which consists of acting as an agent or a custodian;

**Article 47: Investissement dans les titres au porteur**

Si les fidéicommissaires investissent dans des titres au porteur, ils doivent nommer par écrit une personne agissant comme dépositaire de ces titres.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas si l'acte de fiducie ou d'autres lois régissant la fiducie contiennent une disposition qui autorise les fidéicommissaires à gérer ou à investir dans les titres au porteur sans toutefois nommer un dépositaire.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas à une fiducie ayant son propre dépositaire ou aux biens administrés par un dépositaire agréé de biens des organisations caritatives.

**Article 48: Personnes pouvant être nommées comme représentants ou dépositaires**

Pour être nommé représentant ou dépositaire, il faut remplir les conditions suivantes:

1° jouer habituellement le rôle de représentant ou de dépositaire;

2° kuba ari isosiyete igenzurwa n'abacunga iby'abandi b'umwuga;

3° kuba ari isosiyete yemewe n'itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane.

**<u>Ingingo ya 49</u>: Gukurikirana abakozi, abahagarariye abandi n'ababitsi b'umutungo**

Mu gihe umukozi, uhagarariye ucunga iby'abandi w'umwuga cyangwa umubitsi w'umutungo akomeje gukorera ikigega, abacunga iby'abandi b'umwuga bagomba gukomeza gukurikirana amasezerano bagiranye na bo bakanareba uko agenda ashyirwa mu bikorwa.

Abacunga iby'abandi b'umwuga bafite ububasha bwo kubahagarika cyangwa kubirukana muri iyo mirimo.

**<u>UMUTWE WA VII</u>: INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 50:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 51</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

2º to be a body corporate which is controlled by the trustees;

3º to be a body corporate recognized under the Law regulating capital market.

**<u>Article 49</u>: Monitoring of employees, agents and custodians**

While an employee, agent or custodian continues to act for the trust, the trustees shall monitor the agreements made with them and how those agreements are being implemented.

The trustees shall have powers to suspend or remove them.

**<u>CHAPTER VII</u>: FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 50:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**<u>Article 51</u>: Repealing provision**

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

2° être une société qui est contrôlée par les fidéicommissaires;

3° être une société reconnue conformément à la loi portant régulation du marché des capitaux.

**<u>Article 49</u>: Faire le suivi des employés, des représentants et des dépositaires**

Lorsqu'un employé, un représentant ou un dépositaire continue à travailler pour la fiducie, les fidéicommissaires doivent assurer le suivi des accords conclus avec eux et de leur exécution.

Les fidéicommissaires ont le pouvoir de les suspendre ou de les révoquer.

**<u>CHAPITRE VII</u>: DISPOSITIONS FINALES**

**<u>Article 50</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Article 51</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 52: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/3/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 52: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/3/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

**Article 52: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/3/2013

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu est scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux